REPUBULIKA Y'U RWANDA

SNJG Téléphone et Fax 586648

B.P. 1874 Kigali
e-mail : gacaca@rwandatel1.rwanda1.com
www.inkiko-gacaca.gov.rw

URWEGO RW'IGIHUGU
RUSHINZWE INKIKO GACACA
B.P.1874 KIGALI

AMABWIRIZA Nº15/2007 YO KU WA 01/06/2007 Y'UMUNYAMABANGA NSHINGWABIKORWA W'URWEGO RW'IGIHUGU RUSHINZWE INKIKO GACACA AREBANA N'IRANGIZWA RY'IBIHANO BIHABWA UMUNTU WIREZE, AKEMERA ICYAHA, AKICUZA AGASABA IMBABAZI BIKEMERWA N'URUKIKO GACACA

Umunyamabanga Nshingwabikorwa ;

Amaze kubona ikibazo cy'ubushobozi buke bw'amagereza bwo kwakira abantu bakatirwa n'Inkiko Gacaca igihano cy'igifungo ;

Ashingiye ku cyemezo cy'Inama y'Abaminisitiri yo ku wa 30/05/2007;

Ashingiye na none ku ngingo ya 50 y'Itegeko Ngenga n° 16/2004 ryo ku wa 19/06/2004 rigena imiterere, ububasha n' imikorere by'Inkiko Gacaca zishinzwe gukurikirana no gucira imanza abakoze ibyaha bya Jenoside n'ibindi byaha byibasiye inyokomuntu byakozwe hagati y'itariki ya mbere Ukwakira 1990 n'iya 31 Ukuboza 1994 nk'uko ryahinduwe kandi ryujujwe kugeza ubu ;

Asubiye ku mabwiriza nº13/2007 yo ku wa 20/03/2007 y'Umunyamabanga Nshingwabikorwa w'Urwego rw'Igihugu rushinzwe Inkiko Gacaca agamije gufasha Inkiko Gacaca gushyira mu bikorwa ibiteganywa n'Itegeko Ngenga n° 10/2007 ryo ku wa 01/03/2007 rihindura kandi ryuzuza Itegeko Ngenga n° 16/2004 ryo ku wa 19/6/2004 rigena imiterere, ububasha n'imikorere by'Inkiko Gacaca zishinzwe gukurikirana no gucira imanza abakoze ibyaha bya Jenoside n'ibindi byaha byibasiye inyokomuntu byakozwe hagati y'itariki ya mbere Ukwakira 1990 n'iya 31 Ukuboza 1994 nk'uko ryahinduwe kandi ryujujwe kugeza ubu cyane cyane mu ngingo yayo ya 5 ;

ATANZE AMABWIRIZA AKURIKIRA :

Ingingo ya mbere :

Umuntu wahamwe n'ibyaha bya jenoside cyangwa ibindi byaha byibasiye inyokomuntu byo mu rwego rwa kabiri, wireze akemera ibyaha, akicuza agasaba imbabazi bikemerwa, arangiza igihano cy'igifungo yakatiwe n'Urukiko Gacaca ahereye ku gihano nsimburagifungo cy'imirimo ifitiye igihugu akamaro, agakurikizaho igifungo akarangiriza ku isubikagifungo ; bikuzuzwa ku cyemezo cyabugenewe muri kopi ebyiri, imwe igahabwa ujya kurangiza igihano, indi ikaguma muri dosiye ye.

Icyakora, igihe umuntu wakatiwe igihano nsimburagifungo cy'imirimo ifitiye igihugu akamaro amara ategereje kugitangira kibarwa mu gihe cy'isubikagifungo yakatiwe.

Ku bindi byiciro by'abantu bakatirwa n'Inkiko Gacaca, hakomeza gukoreshwa icyemezo cyo gufata no gufunga cyangwa icyemezo cyo gufungura ako kanya hashingiwe ku cyemezo Urukiko Gacaca rwafashe.

Ingingo ya 2 :

Aya mabwiriza agenewe Inkiko Gacaca z'Imirenge n'iz'Ubujurire kandi akurikizwa ku nzego zose z'imiburanishirize y'imanza ni ukuvuga ku muntu uburana ku rwego rwa mbere mu Rukiko Gacaca rw'Umurenge kimwe n'uburana ku rwego rw' ubujurire cyangwa ku rwego rw'isubirwamo ry'urubanza ariko yari yarireze mbere yo gushyirwa ku rutonde rw'abaregwa cyangwa se mbere y'uko Urukiko Gacaca rw'Umurenge rufata icyemezo ku rubanza rwe.

Ingingo ya 3 :

Ingingo zose z'amabwiriza abanziriza aya kandi zinyuranyije nayo zivanyweho.

Ingingo ya 4 :

Aya mabwiriza atangira gukurikizwa ku munsi yashyiriweho umukono n'Umunyamabanga Nshingwabikorwa w'Urwego rw'Igihugu rushinzwe Inkiko Gacaca.

Bikorewe i Kigali, ku wa

MUKANTAGANZWA Domitilla

Umunyamabanga Nshingwabikorwa
w'Urwego rw'Igihugu rushinzwe
Inkiko Gacaca